URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE RURI KU CYICARO CYARWO I NYARUGENGE, RUBURANISHA IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO KU RWEGO RWA MBERE, RUCIYE URUBANZA RC 00008/2017/TGI/NYGE MU BURYO BUKURIKIRA NONE KUWA 23/11/2017.

HABURANA

UREGA :

DUSABEMARIYA Drocelle mwene Bushishi François na Ahobantegeye Venantie, utuye mu mudugudu w'Isangano, akagari ka Ngoma, umurenge wa Kicukiro, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali.

UREGWA:

KAMEGELI Joseph.

IKIBURANWA:

Gusaba urukiko kwemeza ko amasezerano y'ubugure yakozwe na Kamegeli Joseph ku nzu twashakanye ateshwa agaciro.

URUKIKO

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] DUSABEMARIYA Drocelle yareze KAMEGELI Joseph asaba ko urukiko rutegeka ko amasezerano y'ubugure yakozwe ku nzu bashakanye ateshwa agaciro, asobanura ko babanye mu buryo budakurikije amategeko, bagatandukana bafitanye inzu, yamara kugenda, umugabo akayigurisha.

[2] Kamegeri avuga ko umugore yamutaye mu nzu yararembye, yabona agiye kwicwa n'inzara akayigurisha ku mafaranga ibihumbi magana atatu (300.000frw).

[3] Mu gihe urukiko rwari rwasabye DUSABEMARIYA Drocelle kugaragaza agaciro k'ikiburanwa ngo habanze gusuzumwa ububasha bw'urukiko, yanditse asaba kureka ikirego, ku munsi w'iburanisha ntihagira umuburanyi witaba.

[4] Muri uru rubanza harasuzumwa niba DUSABEMARIYA Drocelle yakwemererwa kureka ikirego.

II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIRI MU RUBANZA

1. *Ku kibazo cyo kumenya niba DUSABEMARIYA Drocelle yakwemererwa kureka ikirego.*

[5] Urukiko rusanga n'ubwo DUSABEMARIYA Drocelle atitabye ku munsi w'iburanisha, ariko arahabwa ibyo yasabye mu nyandiko isaba kureka

ikirego yashizwe muri dosiye hashingiwe ku ngingo ya 26al1 y'itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo, n'iz'ubutegetsi iteganya ko : « **Kureka ikirego ni ukwiyambura ububasha bwo kuburana. Bijyana no kwiyambura uburenganzira umuntu yari afite bwo gukomeza gukurikirana icyo kirego. Ukwemera k'undi muburanyi si ngombwa**. ». Bityo DUSABEMARIYA Drocelle yemerewe kureka ikirego.

III. **ICYEMEZO CY'URUKIKO**

[6] Rwemeje ko DUSABEMARIYA Drocelle yaretse ikirego.

[7] Rutegetse ko amafaranga ibihumbi mirongo itanu DUSABEMARIYA Drocelle yatanzeho ingwate y'amagarama arega ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

NI UKO RUCIWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 23/11/2017.

INTEKO

SE	SE
MUKAGASANA Marciana	DUSABEMARIYA Marie Thérèse
UMUCAMANZA	**UMWANDITSI**